Virunga Today

Akarere ka Musanze

Phone: 0788 610 875

Musanze, kuwa 07/01/2025

Bwana Habumuremyi Theogene, Musanze

Impamvu: Gusabwa ibisobanuro

Nshingiye ku makuru wahaye ubuyobozi bw'ikinyamakuru Virunga Today ubereye umukozi yemezaga ko ukomeje guhura n'ingorane mu kwishyuza insimburamubyizi mwemerewe n'akarere ka Musanze ijyanye n'ingendo mwakoze musura ibikorwa binyuranye by'iterambere mu karere;

Maze kubona kandi ko iryo tinda ryo kubona iyo nsimburamubyizi wabihuzaga nuko hari inzego zimwe zikomeje kwijundika umurongo wafashwe n'ikinyamakuru Virunga Today, ukaba warabonaga hari icyo ubuyobozi bw'ikinyamakuru bwagombaga gukora ngo hahindurwe zimwe mu ngingo zigize uwo murongo, ibyo ariko ubuyobozi bukaba bwabyamaganiye kure, ahubwo bugafata icyemezo cyo gukurikirana impamvu nyakuri ituma hari abakomeje kunenga umurongo wafashwe n'iki kinyamakuru, bityo hagategurwa inkuru ihuza ubwambuzi uvuga wakorewe n'ibindi bikorwa byagaragaye mu gihe cya vuba, bibangamira imikorere y'ikinyamakuru Virunga Today;

Nkwandikiye ngusaba ibisobanuro ku mpamvu wahaye amakuru ubuyobozi bw'ikinyamakuru Virunga Today yemezaga ko wimwe amfranga yose wari ugenewe y'insimburamubyizi, nyamara ukaza kwisubiraho ukemeza ko ayo bagusigayemo ari make ugereranije nayo wari ufiteho uburenganzira, ibi bikaba byarahesheje isura itari nziza ikinyamakuru.

Ugire amahoro

Umuyobozi Mukuru wa Virunga Today

Musengimana Emmanuel

CamScanner